

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**AMABWIRIZA AGENGA UMUHANGO WO GUSEZERANA MU NSENGERO
HUBAHIRIZWA INGAMBA ZO KWIRINDA IKWIRAKWIRA RYA
KORONAVIRUSI**

Dushingiye ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 16 Kamena 2020, (umwanzuro wa 2 g.) yemeye umuhango wo gushyingira mu nsengero ariko ukitabirwa n'abantu batarenze 30, igaha n'inshingano Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu gutangaza amabwiriza arambuye kuri iyi ngingo;

Dushingiye kandi ku ngamba zashyizweho n'inzego z'ubuzima mu rwego rwo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo Koronavirusi;

Amabwiriza akurikira agomba kubahirizwa:

- 1. Imiryango ishingiyeye ku myemerere igomba kugeza mu nyandiko ingengabihe y'abazasezerana ku Nzego z'Ibanze (Umurenge) nibura iminsi ibiri (2) mbere y'uko umuhango uba;**
- 2. Gusezerana imbere y'Imana bishobora gukorerwa mu nsengero zujuje ibisabwa, izindi nyubako zakira abantu (hotel, amahema, salle), n'ahandi hantu hafunguye;**
- 3. Usezeranya agomba kuba ahagarariye umuryango ushingiyeye ku myemerere wemewe;**

A handwritten signature in blue ink, consisting of a stylized 'A' followed by a flourish.

4. Insengero, inyubako n'ahandi hantu hasezeranirwa hagomba kuba hujuje ibi bikurikira:

- a. Inyubako isengerwamo igomba kuba isanzwe yemerewe gusengerwamo hashingiwe ku mabwiriza agenga inyubako zisengerwamo,
- b. Gusukura inyubako mbere na nyuma y'umuhango wo gusezeranya hakoreshejwe amazi meza n'isabune,
- c. Gushyiraho uburyo bwo gukaraba intoki (kandagira ukarabe n'amazi meza n'isabune cyangwa imiti isukura intoki/hand sanitizer),
- d. Kwambara agapfukamunwa neza ku bantu bose baje mu muhango wo gusezerana,
- f. Gusiga nibura intera ya metero ebyiri (2m) hagati y'umuntu n'undi, uretse hagati y'abasezerana.

5. Mu gikorwa cyo gusezeranya

- a. Gusuhuzanya bahana amaboko no guhoberana, cyangwa guhobera abageni birabujijwe, keretse hagati y'abasezerana,
- b. Guhererekanya indangururamajwi (microphone) n'ibindi bikoresho (urugero: Ibitabo by'indirimbo, Bibiliya, Korowani, ibyuma bya muzika,) ntibyemewe,
- c. Gutanga amaturo bigomba gukorwa hifashishijwe ikoranabuhanga (mobile money services, money transfer...),
- d. Gusengera abantu barambikwaho ibiganza birabujijwe,
- e. Kugira ngo duhamye ingamba zo kwirinda icyorezo cya Koronavirusi, turasaba ko igikorwa cyo gusezeranya nyirizina kitarenza isaha imwe.

6. Ibirori byo kwakira abatumiwe (reception)

- a. Umubare w'abitabira uyu muhango ntugomba kurenga abantu 30, kandi hakubahirizwa amabwiriza yose yo kwirinda icyorezo cya Koronavirusi,
- b. Umuhango ugomba kubera ahantu habugenewe cyangwa hafunguye; mu gihe bikorewe muri Hotel nabwo abawitabiriye ntibagomba kurenga 30, kandi hakubahirizwa amabwiriza ajyanye no kwirinda Koronavirusi.

7. Iyubahirizwa ry'aya mabwiriza

- a. Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'izindi nzego bafatanyije mu kwirinda Koronavirusi no gukumira ikwirakwira ryayo, bagomba gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza,
- b. Abafite inyubako zakira ibi birori, abayobozi n'abigisha b'Idini/Itorero ryabasezeranyije bagomba gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza.

Bikorewe i Kigali ku wa 18 Kamena 2020


Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri w'Ubutegegetsi bw'Igihugu

